Nyakubahwa, u Rwanda rwashimagijwe n'amahanga kubwo gukuraho igihano cy'urupfu. Kandi natwe nk'abenegihugu byaduteye ishema. Ari nayo mpamvu bitumvikana ukuntu imirambo ikomeje gutoragurwa hirya no hino mu gihugu. Nyakubahwa, nkamwe mutuyoboye kuki mudahana cyangwa ngo mwamagane abakora aya marorerwa ahubwo mugasa nk'aho muyashyigikiye nk'uko mwabikoze mu ijambo mwavugiye i Rubavu tariki ya 10 Gicurasi 2019? Abo mukuriye babifata nk'icyitegererezo. Mu muhango wo gushyingura Mwiseneza, umuyobozi wa Gereza ya Nyarugenge Chief Superintendent Iyaburunga Innocent yavuze amagambo yumvikanisha ko Mwiseneza ariwe wizize aho yagize ati "…ni wowe ugomba kwimenyera umutekano, ugomba kumenya uwo uriwe, ukamenya uko witwara, ukamenya ibyo uvuga, n'aho ubivugira…"

Nyakubahwa, nari nzi ko "Never Again" / "Ntibizongere ukundi" bivuze ko nta maraso y'Umunyarwanda azongera gupfa kumeneka. Cyangwa byaba ari imvugo nziza igenewe kurangaza abanyamahanga? Kuko uko bigaragara ubuzima bw'Abanyarwanda nta gaciro bufite.

Hari ikintu twese twagombye kwirinda no kwamagana: Kugoreka amateka, gupfobya no guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko. Icyakora, nta kuyipfobya kwasumba kwambura ubuzima abayirokotse.

Nyakubahwa, ndacyabashimira cyane Mwebwe n'ingabo za FPR kuba mwarahagaritse Jenoside. Ariko nkunze kwibaza niba guhagarika ariya mahano bitanga uburenganzira bwo gushyira iterabwoba ku bayarokotse. Abanyarwanda barababaye bihagije, babonye ababo babicirwa mu maso; rwose, Nyakubahwa Perezida, ntibakagombye gukandamizwa n'abababohoye. Babwire nde? Baregere nde? Batakire nde? Mu gihe abakabaye babatabara ari bo babahohotera.

Nyakubahwa, dukunda gutunga agatoki umuryango mpuzamahanga kuko watereye agati mu ryinyo mu gihe cya Jenoside. Ariko natwe uyu munsi nyuma y'imyaka 25 turahatirwa kwibera ba "ntibindeba" mu gihe Abanyarwanda barimo guhitanwa na politiki yuzuye ubugome n'urugomo. Ese bizakomeza gutya kugeza ryari? Nyakubahwa, njye mbona umuntu wese uvuga ko akunda igihugu ariko ashyigikiye aka karengane abeshya Abanyarwanda kuko ntawakunda igihugu adakunda bene cyo.

Ingabo za FPR Inkontanyi zirangajwe imbere namwe Nyakubahwa, zahagaritse Jenoside muri 1994. Ndabinginze ngo mudufashe guhagarika izi mpfu za hato na hato kuko ububasha, n'ubudahangarwa bwanyu bubibemerera. Imiryango myinshi iri mu gahinda n'akababaro kenshi kubera kubura ababo. Mu minsi ishize mwatambukanye isheja mu bukwe bw'umukobwa wanyu mwiza Ange; abakobwa biciwe ba Se bo ntabwo bazagira ayo mahirwe ku munsi w'ibirori byabo.

Mbifurije akazi keza.

Shima Diane Rwigara